

## **“Ese koko Umwami Rudahigwa niwe waciye ubuhake?”**

### **Igisubizo ni “OYA”**

Kw’italiki ya 10/12/1948, nibwo l’ONU yemeje icyo bise « Déclaration Universelle des Droits de l’homme », ivuga ubwa mbere ko abantu bavuka bareshya kandi ko ntawe ugomba guhaka undi. L’ONU imaze kubyemeza, yasabye ibihugu byose biyilimo kubahiliza iwabo iyo “déclaration”.

ONU yahise itanga urugero mu bihugu yali ifiteho tutelle nk’u Rwanda n’u Burundi ibyoherezamo intumwa (mission de visite) zo kujya kureba uko ubutegetsi bwaho bumeze.

Mu Rwanda izo ntumwa zahasanze ubutegetsi bushingiye k’ubuhake. Muli rapport yazo, izo ntumwa zavuze ko ubutegetsi bwo mu Rwanda ntaho butaniye n’ubucakara alibwo mu gifaransa bita « esclavagisme », ko rero ubuhake bugomba gucibwa. Ubwo hali muby’ 1949.

“Conseil de Tutelle” nayo yemeje iyo rapport iyigeza ku Nteko rusange (Assemblée Générale ya ONU), nayo irayemeza, ndetse itegeka ababiligi guhindura ubwo butegetsi (système) bityo bakubahiliza iyo raport y’intumwa.

Muli 1952, nibwo Ububiligi bushyizeho icyo bise « plan décennal de développement du Ruanda-Urundi » ikubiyemo amatwara y’iterambere yagombaga gukulikizwa mu gihe cy’imyaka icumi muli ibi bihugu. Muli iyo plan halimo:

1. Guca burundu iyo système ishingiyeye k’ubuhake n’ubucakara birimo kugabana imitungo ishingiyeye k’ubuhake ;
2. Kuzamura Abahutu mu myanya ya politique ;
3. Guteza igihugu imbere mu bikorwa byose bigamije amajyambere.

Nibwo rero ababiligi bategetse abami b’ibyo bihugu byombi kuyishyira mu bikorwa.

Muli uwo mwaka w’1952, nibwo candidatures za mbere z’abasushefu b’abahutu zatanze na tutelle y’ababirigi babwira umwami ko abahutu nabo bagomba kugira uruhare mu miyoborere y’igihugu. Abahutu bazamuwe muri ubwo buryo bari bageze nko kuri 12 gusa. Mbere yaho twakwibutsa ko abasushefu bese barenze 600, nabashefu bese bakabakabaga 40, bali abatutsi gusa.

Muw’ 1954 nibwo umwami Rudahigwa yategekaga igabana ry’inka hagati y’umugaragu na shebuja. Niko rero imvugo yakwiliye ngo “Rudahigwa yaciye ubuhake”. Aha aliko twakwibutsa ko, nk’uko bisomwa mu gitabo cya Paternostre yanditse kuli Grégoire Kayibanda « Toute ma vie pour vous mes frères », Kayibanda we yanengaga amayeri Rudahigwa yashyize muri iryo gabana ndetse akanongeraho ko Rudahigwa yahemukiye rubanda rugufi avuga ati « Le Mwami Rudahigwa s’est rendu coupable d’une escroquerie morale envers le menu peuple des bagaragu ».

Impamvu Kayibanda yavugaga gutyo, ni uko nyuma y'igabana ry'inka abali abagaragu babuze aho baragira inka zabo kuko amasambu yose yali afitwe na ba shebuja b'abatutsi kandi yo ntagabanywe, bityo rero ba bahutu bali abagaragu bakabura aho baragira inka zabo noneho bakemera bagahinduka « abagaragu b'ubutaka » (dixit Kayibanda).

Abazungu rero babonaga abantu bagabana inka aliko ntibamenye ko abali abagaragu nta masambu bagira, bakibwirako ibintu byatunganye. Ngiyo intandaro y'intambara y'ibikingi (amasambu yahariwe inka z'Abatutsi) yaje guhindukamo Révolution ya rusange yo muri 1959.

Bikorewe i Bruxelles kw'itariki ya 18/02/ 2016.

Shingiro Mbonyumutwa